
Rwanda Education Board

# Duturane mu mahoro



Imwe mu nkuru zahize izindi mu irushanwa
**ANDIKA RWANDA 2017/2018**

Inkuru yo mu kiciro cya gatatu cyo gusoma
3

# MUMPE URUBUGA NSOME!



## MUBYEYI, DORE UBURYO WAFASHA UMWANA GUSOMA

- Ha umwanya umwana agusomere inkuru cyangwa umuvugo. Nawe kandi ushobora kumusomera.
- Fasha umwana gutekereza ku byo asoma cyangwa umusomera ugenda umubazaho ibibazo.
- Mu gihe murangije gusoma inkuru cyangwa umuvugo, ha umwana umukoro umufasha kwimenyereza kwandika inkuru.

## UMUKORO

Saba umwana kwandika inkuru ku ifoto imanitse mu ruganiriro, ku muntu runaka wo mu rugo, ku bindi bintu ubona hanze…Umwana ashobora kubyandika cyangwa akabishushanya, hanyuma ukamuha umwanya wo kubigusobanurira.

# IBISOBANURO KU MUBARE WANDITSE KU GIFUNIKO CY'AGATABO


- Ku gifuniko cy'aka gatabo hariho umubare. Uyu mubare, werekana ikiciro agatabo karimo, si umwaka umwana yigamo.

- Hakurikijwe uko inkuru yanditsemo yoroshye gusoma no kumva, cyangwa ikomeye, agatabo gashobora kuba mu kiciro cya 1, 2, 3, 4, 5. Bityo, inkuru yoroha duhereye ku kiciro cya mbere.

- Agatabo kari mu kiciro kimwe gashobora gusomwa cyangwa gusomerwa umwana wiga mu mwaka wa 1, uwiga mu wa 2, n'uwiga mu wa 3, bitewe n'ikigero umwana agezeho mu kumenya gusoma.


Babyeyi, turabashimira ko muha abana nibura iminota 15 yo gusoma ibitabo buri munsi, kandi mukaba muri kumwe na bo igihe basoma.

# Duturane mu mahoro




Imwe mu nkuru zahize izindi mu irushanwa
**ANDIKA RWANDA 2017/2018**


UMUTESI Angelique, yanditse iyi nkuru afite imyaka 9, yiga mu mwaka wa 4 w'amashuri abanza, mu kigo cy'amashuri abanza cya Kabuga, Akarere ka Ruhango, Intara y'Amajyepfo. Iyi nkuru ye, DUTURANE MU MAHORO, ni imwe mu zahize izindi mu irushanwa rya Andika Rwanda 2017/2018.




Kayi yari atuye ku musozi wa Bweru.
Akaba yari afite umugore n'abana babiri.




Bari baturanye na Karamu.
Karamu yarishongoraga cyane.




Umunsi umwe Karamu ajya gusura Kayi.
Bamwakira neza baramuzimanira.




Bwa bwishongozi bwa Karamu ntibwihishira.
Atangira kuvuga ko ari we ukunzwe cyane.




Kayi we yaritondaga agacisha make.
Aramubaza ati: "Uvuze utyo ushingiye ku ki?"




Karamu aramusubiza ati:
“Ubushobozi bwawe ni buke.
Ntawe utagusuzugura.
Mvura na Muyaga bose urabatinya.”




Karamu akomeza ubwishongozi bwe.
Ati: “Abantu barankunda kuko nshoboye.”
“Abayobozi baranyitabaza ngo basinye.”




Kayi amusubiza mu ijwi rituje.
Ati: “Ntawagukenera wenyine ntahari.”




Bakiganira, umwana wa Kayi arahagera.
Akomeza kumva ibyo baganira.




Kayi na Karamu bakomeza gutongana.
Wa mwana wa Kayi arabasanga arabasuhuza.
Baratuza bacisha make.




Umwana wa Kayi abereka ko bapfa ubusa.
Buri wese afite akamaro mu muryango.



Karamu arabyumva arabyemera.
Arapfukama asaba Kayi imbabazi.



Kayi na Karamu barahoberana.
Bemeranya ko batazongera gusuzugurana.



Nuko baherekeza Karamu bose bishimye.

This work is licensed under Creative Commons Attribution-NoDerivatives 4.0 International (CC BY-ND 4.0). To view a copy of this license, visit https://creativecommons.org/licenses/by-nd/4.0/. This work is an adaptation of materials originally prepared as part of the Rwanda Education Board's Andika Rwanda writing contest. Under this license, you are free to copy, distribute, and transmit this work as long you provide attribution as follows: "This work is an adaptation of materials originally prepared as part of the Rwanda Education Board's Andika Rwanda writing contest; it was developed through collaboration between the Rwanda Education Board (REB) and the United States Agency for International Development (USAID)." More details on permissions under this license can be found at https://creativecommons.org/licenses/by-nd/4.0/." Distribution of adaptations of this work are not permitted under this license without the permission of the copyright holder.

USAID
INKUNGA Y'ABANYAMERIKA